Republic of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA



Raporo y'Ukwezi

Nzeri 2025

© 2025Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, (NISR)
Photo de couverture : Igihe.com / 2018

Ku bindi bisobanuro, wakwadikira Ikigo cy'Igihugu cy'ibarurishamibare
B.P. 6139 Kigali, Rwanda
Site web : www.statistics.gov.rw
E-mail : info@statistics.gov.rw

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 13,5% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 12,9%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 14,9%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 2,5% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 0,3%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 7%

***Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda***

| | 2024 | | | | 2025 | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri |
| Ihindagurika mu mwaka | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -9,3 | -5,6 | -0,1 | 0,2 | 0,6 | 4,3 | 4,2 | 2,4 | 6,3 | 11,9 | 13,0 | 11,0 | 13,5 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -14,3 | -10,9 | -3,9 | -2,5 | -1,7 | 1,8 | 0,9 | 1,7 | 5,4 | 8,7 | 6,8 | 11,1 | 12,9 |
| Ibyoherezwa hanze | 2,8 | 7,5 | 8,2 | 5,9 | 5,5 | 9,7 | 10,8 | 4,2 | 8,4 | 19,4 | 26,5 | 11,3 | 14,9 |
| Ihindagurika ku kwezi | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 0,3 | 5,4 | 3,4 | -0,5 | 0,8 | -0,9 | -0,6 | -1,9 | 2,5 | 0,6 | 1,8 | -0,3 | 2,5 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -1,4 | 5,4 | 3,3 | 0,5 | 1,0 | -1,2 | -2,2 | 2,0 | 1,7 | -0,6 | -0,9 | 3,3 | 0,3 |
| Ibyoherezwa hanze | 3,6 | 5,6 | 3,7 | -2,2 | 0,5 | -0,3 | 2,4 | -8,9 | 4,4 | 3,2 | 6,5 | -6,4 | 7,0 |

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Nzeri 2025, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 13,5%, ugereranyije na Nzeri 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 14,5% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye

Ugereranyije Nzeri 2025 na Kanama 2025, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 2,5%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 3,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.


*© NISR*

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Nzeri 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 12,9% ugereranyije na Nzeri 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 13,4% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Nzeri 2025 na Kanama 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa imbere mu gihugu byazamutseho 0,3%. Ibi byatewe n'izamuka rya 0,4% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Muri Nzeri 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 14,9% ugereranyije na Nzeri 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi byazamutseho 17,6% n'biciro byo mu nganda zitunganya ikawa byazamutseho 15,3%.

Ugereranyije Nzeri 2025 na Kanama 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 7%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa byazamutseho 14,6% n'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi byazamutseho 1,3%.


*© NISR*

nisr

NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA

